**ITEGEKO N° 33/2002 RYO KU WA 06/11/2002 RYEREKEYE IBIRANGA AMATUNGO.**

**Twebwe, Paul KAGAME,**
Perezida wa Repubulika,

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO Y'INZIBACYUHO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RYEMEJWE N'URUKIKO RW'IKIRENGA, ISHAMI RY'URUKIKO RURINDA IREMEZO RY'ITEGEKO SHINGIRO, KO RITANYURANYIJE N'ITEGEKO SHINGIRO MU RUBANZA N° 038/11.02/02 RWACIWE KU WA 29/10/2002, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.**

Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho, mu nama yayo yo ku wa 10 Ukwakira 2002;

Ishingiye ku Itegeko Shingiro, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane Itegeko Nshinga ryo ku wa 10 Kamena 1991 mu ngingo zaryo iya 69 n'iya 97, n'Amasezerano y'Amahoro ya Arusha mu gice cyayo cyerekeye Igabana ry'Ubutegetsi, cyane cyane mu ngingo zacyo iya 6- d), iya 40, iya 72 n'iya 73 ;

Ishingiye kuri O.R.U n° 54 bis/Agri. yo ku wa 5 Gicurasi 1936 yerekeye izerera ry'amatungo n'ifungwa ry'inyamaswa zo mu gasozi z'inkazi cyangwa zangiza, ryashyizwe mu bikorwa mu Rwanda na O.R.U n° 23/Agr. ryo ku wa 3 Gicurasi 1937, cyane cyane mu ngingo yayo ya 12;

Ishingiye ku Itegeko ryo ku wa 28 Nyakanga 1938 rirebana no kwirinda no kurwanya indwara z'amatungo, ryashyizwe mu bikorwa mu Rwanda na O.R.U n° 62/Vét. ryo ku wa 10 Nyakanga 1940;

Isubiye ku Itegeko n° 166/Vét. ryo ku wa 11 Kamena 1943 ryerekeye ibimenyetso biranga amatungo n'amasoko y'amatungo ;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere :**

Muri iri tegeko, ibiranga amatungo ni ibyangombwa byose bifasha kumenya no gutandukanya buri tungo n'andi bisangiye ubwoko bumwe .

Muri iri tegeko, itungo ni inyamaswa yose yorowe ku mpamvu z'inyungu ishakwaho .
Iri tegeko rireba kandi n'inyamaswa ibana n'abantu kimwe n'ifungiwe ahantu ariko isanzwe ari inyagasozi.

**Ingingo ya 2 :**

Itungo ryose ryororewe muri Repubulika y'u Rwanda, kimwe n'irihanyuzwa rijyanwa ahandi ku mpamvu izo ari zo zose, rigomba kugira ibiriranga .

**Ingingo ya 3 :**

Ibiranga amatungo bigizwe n'ibimenyetso biri ku itungo ubwaryo, ibirishyirwaho kimwe n'inyandiko zijyana nabyo.

Iteka rya Minisitiri ufite ubworozi mu nshingano ze rigena imiterere y'ibyo bimenyetso n'uko bikoreshwa kandi hakurikijwe ubwoko bw'amatungo.

**Ingingo ya 4 :**

Buri muntu ufite itungo agomba kuribaruza no kurishyirishaho ibimenyetso biriranga mu gihe kigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubworozi mu nshingano ze. Ariko ku byerekeye ubworozi bw'inka, icyo gihe ntigishobora kurenza amezi atandatu kuva zivutse .

**Ingingo ya 5 :**

Buri tungo riturutse hanze rikinjizwa muri Repubulika y'u Rwanda, ku mpamvu izo ari zo zose, rirangwa n'ibimenyetso ryazanye mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu. Nyuma y'icyo gihe, rigomba kuba ryabaruwe kandi ryashyizweho ibiriranga hakurikijwe ibikubiye muri iri tegeko.

**Ingingo ya 6 :**

Unyuranya wese n'ibikubiye mu ngingo ya 4 n'iya 5 y'iri tegeko ahanishwa igifungo kitarenze amezi abiri n'ihazabu y'amafaranga atarenze ibihumbi ijana, cyangwa kimwe muri ibyo bihano, hakurikijwe ubwoko bw'amatungo.

**Ingingo ya 7 :**

Umuntu wese uzigana ibimenyetso biranga amatungo n'inyandiko zijyana na byo, azahanishwa ibihano biteganywa n'Igitabo cy'amategeko ahana.

**Ingingo ya 8 :**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri zinyuranye na ryo zivanyweho .

**Ingingo ya 9 :**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa umunsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda .

Kigali, ku wa 06/11/2002

Perezida wa Repubulika
**Paul KAGAME**
**(sé)**

Minisitiri w'Intebe
**Bernard MAKUZA**
**(sé)**

Minisitiri w'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba
**Dr. Ephraïm KABAIJA**
**(sé)**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera n'Imikoranire y'Inzego
**Jean de Dieu MUCYO**
**(sé)**